RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

# ITANGAZO

Ku wa 02 Kanama 2026

Hashingiwe ku Itegeko Nº 003/2018 ryo ku wa 09/02/2018 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Imiti (Rwanda Food and Drugs Authority - Rwanda FDA), kandi rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, by'umwihariko ingingo yaryo ya 9 (2),

Hashingiwe ku bugenzuzi bwakozwe ku mabwiriza agenga ubuziranenge;
Mu rwego rwo kurengera ubuzima n'umutekano by'abaturage, Rwanda FDA iramenyesha abakora, abatumiza, abageza ku isoko, abacuruza ndetse n'abaturage muri rusange, ko hafashwe ingamba zikurikira kandi zigomba kubahirizwa uhereye igihe itangazo risohokeye.

1. Rwanda FDA ifunze ibikorwa by'inganda zikora ibinyobwa bisindisha ziri ku rutonde ruri ku Mugereka, kandi ikuraho impushya zose zari zarahawe izo nganda zo gukora ibyo binyobwa.
2. Rwanda FDA itegetse ko ibinyobwa byose bikorwa n'izo nganda ziri ku rutonde ruri ku Mugereka bikurwa ku isoko.
3. Rwanda FDA itegetse abakora ibyo binyobwa guhita babikura ku isoko bakimara kubona iri tangazo.
4. Rwanda FDA itegetse ba nyir'izo nganda guhita basaba abakwirakwiza ibyo binyobwa ku isoko ibi bikurikira:
   - Gukusanya ibyo binyobwa no kubikura ku babiranguye,
   - Gusubiza ibicuruzwa byose bisigaye ndetse n'ibyakusanyijwe aho byakorewe.
5. Abakora ibyo binyobwa bategetswe kugeza ku Kigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Imiti (Rwanda FDA) raporo y'igikorwa cyo kubikusanya mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uhereye igihe iri tangazo risohokeye.
6. Abakwirakwiza n'abacuruza ibinyobwa biri ku Mugereka, bategetswe guhita bahagarika kubikwirakwiza no kubigurisha, ndetse bagasubiza ibinyobwa bisigaye ku babibahaye, baba ababikwirakwiza cyangwa ababikora.
7. Kutubahiriza aya mabwiriza bizatuma hafatwa izindi ngamba ziteganywa n'amategeko n'amabwiriza abigenga.
8. Rwanda FDA irasaba abanywa ibi binyobwa biri ku Mugereka kubihagararika.

**Icyitonderwa:**
Urutonde rw'izindi nganda zizafatirwa ingamba ruzatangazwa mu gihe gikwiye, uko ibikorwa byo kugenzura no kubahiriza amabwiriza bigenda bikomeza.

Rwanda FDA irabashimira uko mwakiriye iri tangazo n'ubufatanye bwanyu mu kuryubahiriza.

## Umugereka: Urutonde rw'inganda zikora ibinyobwa bisindisha zafunzwe n'ibinyobwa byazo bigomba guhagarikwa no gukurwa ku isoko.

| Izina ry' uruganda | Ibinyobwa rukora |
|---|---|
| 1. **Ingufu Gin Ltd** | 1. Red Waragi<br>2. Rabiant Gin<br>3. Ngufu Gin<br>4. King's Vodka<br>5. Royal Castle Gin<br>6. Medal Gin<br>7. G&S Rum<br>8. New House Potable Spirit<br>9. Club Potable Spirit<br>10. Hometown Potable Spirit |
| 2. **NBG Ltd** | 1. United Flavoured Gin<br>2. Bombastic Coconut Flavoured Gin<br>3. Ingwe Flavoured Gin<br>4. Amerikaan Flavoured Gin<br>5. Maguma Gin<br>6. Fimbo Blended Banana Brandy |
| 3. **SKY Drop Industries LTD** | 1. Saint Nero Gin<br>2. Saint Nero Honey Based Liqueur<br>3. Nobilis Gutta Gin<br>4. Veritas Gin<br>5. Inkoramutima Ginger Flavoured Alcoholic Drinks<br>6. Itoto Ginger Flavoured Alcoholic Drinks |
| 4. **Africana Buffalo Ltd** | 1. African Buffalo Gin<br>2. Charging Whiskey<br>3. Moonlight Vodka<br>4. Mastercane Wishky<br>5. Trace Vodka<br>6. Rea Waragi |
| 5. **NOPA Company LTD** | 1. ENAK Gin<br>2. LEVI Gin<br>3. SAVIS Gin |
| 6. **Roots Investment Group Ltd** | 1. Be One Gin<br>2. Hope Man Gin<br>3. Meet Up Gin |
| 7. **Rugali Agro-processing Company** | 1. RACK Gin<br>2. RACK Banana Based Alcoholic Beverage |
| 8. **Zhonglu Industrial Liability Company Ltd.** | 1. Z.C.N Milestone Whisky<br>2. JUMONGO |

**Icyitonderwa:** Ibindi binyobwa byose bisindisha bitagaragara kuri uru rutonde ariko byakozwe n'inganda zavuzwe haruguru, na byo bigomba gukusanywa no gukurwa ku isoko.